# Mutarama-Kamena 2016, imisoro ku mupaka wa Rusumo yiyongereyeho 2.7%

Yanditswe kuya **13-10-2016** saa **08:12'** na **Mukaneza M.Ange**



*Nyuma yo guhuza gasutamo zo ku mupaka wa Rusumo uhuza u Rwanda na Tanzania, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro, RRA, cyagaragaje ko ugereranyije imisoro yakusanyirijwe kuri uyu mupaka mu mezi atandatu ya nyuma y'umwaka ushize n'ayinjiye mu mezi atandatu ya mbere ya 2016, usanga yariyongereyeho 2.7%.*

Ibi byagaragajwe kuri uyu wa 12 Ukwakira 2016, ubwo abanyamakuru basuraga ibiro bikoreramo abashinzwe za gasutamo n'abinjira n'abasohoka ku mpande z'ibihugu byombi n'ikiraro gishya cya Rusumo byose byubatswe ku nkunga ya Leta y'u Buyapani, ibinyujije mu Kigo cyayo gishinzwe ubutwererane, JICA.

Imisoro yakusanyijwe kuva muri Nyakanga-Ukuboza 2015 ingana n'amafaranga y'u Rwanda 96,967,414,835; bihwanye na 61.1% by'imisoro yakusanyijwe mu gihugu hose; mu gihe

iyakusanyijwe kuva muri Mutarama-Kamena 2016 ari 106,952,653,167 z'amafaranga y'u Rwanda ihwanye na 63.8% by'imisoro y'igihugu cyose, bivuga ko yiyongereyeho 2.7%.

Ibicuruzwa bica kuri uyu mupaka nabyo byariyongereye muri aya mezi atandatu ya mbere ya 2016 kuko hanyuze ibifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda 409, 450 660, 792, mu gihe ibyinjiye mu mezi atandatu ya nyuma ya 2015 bihwanye na 386, 598, 381, 360.

Komiseri wungirije ushinzwe gasutamo muri RRA, William Musoni, yavuze ko ubu bwiyongere bwaturutse ku kuba impande zombi zaratangiye gukorana kuko byihutishije serivisi.

Ati "Imodoka kuva ku cyambu cya Dar es Salaam, bishobora kuba byaratwaga hagati y'iminsi umunani n'irindwi. Yagera hano ntabwo yaburaga kuhamara umunsi, iyo babaga bakoze neza yamaraga amasaha nk'ane ku ruhande rwa Tanzania n'u Rwanda ariko aho byahindukiye, mwabyumvise ko bimara iminota 30 kuko bicaye hamwe."

Yakomeje avuga ko kugabanuka kw'igihe umuntu yamaraga mu nzira bituma n'inshuro ajya kuzana ibicuruzwa ziyongera ari nabyo byatumye imisoro yakusanyijwe yiyongera.

Umuyobozi w'umupaka wa Rusumo, Moses Kalisa, yavuze ko ku mpande zombi haba hari abakozi b'u Rwanda n'abakozi ba Tanzania ku buryo umwe agenzura ikintu ahita ahereza mugenzi we wo mu kindi gihugu ku buryo ibikorwa bihita byihuta.

Avuga ko kugeza ubu imbogamizi ihari ari uko hari abashoferi baza badafite impapuro zuzuye bigatuma bahatinda bategereje ko ba nyir'ibicuruzwa baza kugira ngo bakemure ibibazo biba byagaragaye.

Ku ruhande rw'abagenzi bakoresha uyu mupaka biganjemo abashoferi, bavuga ko bishimiye kuba umupaka warahujwe kuko batagisiragira mu biro byinshi basinyisha.

Ambasaderi w'u Buyapani mu Rwanda, Takayuki Miyashika yavuze ko igihugu cye cyahisemo gutera inkunga ibikorwaremezo kuko bemera ko ari inkingi ya mwamba mu izamuka ry'ubukungu bwa Afurika.

Yakomeje avuga ko mu kwezi gutaha hazatangira imirimo yo kubaka no kwagura umuhanda wa Rusumo-Kayonza uzuzura utwaye miliyari 55 z'amafaranga y'u Rwanda; witezweho kurushaho kunoza urwego rwo gutwara abantu n'ibintu, bizagira uruhare runini mu kugabanya ubukene no guteza imbere ubuhahirane hagati y'u Rwanda na Tanzania.

Ikiraro cya Rusumo gifite ubushobozi bwo kunyurwaho n'imodoka ifite uburemere bwa toni 80 ndetse n'imodoka zishobora kubisikana mu gihe icya kera cyanyuragaho toni umunani gusa, imodoka zitanabisikana.

Iki kiraro ndetse n'inyubako za gasutamo ihurijwe hamwe, byuzuye bitwaye miliyoni 48 z'amadolari ya Amerika.




Igihe abashoferi bamaraga ku mupaka cyaragabanutse kubera ko abakozi b'ibihugu byombi bakorana ku mupaka wa Rusumo




Nta mushoferi wujuje ibisabwa ukirenza iminota 30 ashaka serivise ku mupaka wa Rusumo


8 t
8 t





Komiseri Musoni avuga ko uburyo bwo guhuza za gasutamo byongereye imisoro igihugu kinjizaga kuri uyu mupaka





Ambasaderi Miyashika avuga ko uretse iki kiraro, n'umuhanda Kayonza-Rusumo ugiye gusanwa no kwagurwa



Mulisa uyobora umupaka wa Rusumo yemeza ko abantu bagitinda ku mupaka ari ababa batujuje ibyangombwa





Abakozi ku ruhande rwa Tanzania n'u Rwanda bakorera mu nzu imwe



Ikiraro cya Rusumo na gasutamo byuzuye bitwaye miliyoni 48 z'amadorali ya Amerika



Toni 80 zibasha kunyura ku kiraro cya Rusumo nta kibazo